# 31: Musamariyakazi, Yesu yaramubwiye

1. Musamariyakazi, Yesu yaramubwiye Ati: Mp' utuzi nyweho, naw' aramusubiza; Byashoboka bite se,ngo mbe naguh' amazi? Kandi k'ur' Umuyuda nkab' Umusamariya? Nguk' uko yatangaye.

2. Umuntu wes' uzanywa ayo mazi nzamuha, Nta bw' azagir' inyota.kugez' iteka ryose.Kukw ayo maz'ariyo yamanutse mw ijuru. Azamuhindukira isokw idudubiza, Muri w' iteka ryose.

3. Umpe kur'ayo mazi y'ubugingo bw'iteka, Amar' inyota mfite, sinzongere kuvoma. Yesu yumva ningoga uwo Musamariya. Ngwino kukw iyo mpano ituruka mw ijuru. Wayi habw' uyu munsi.

4. Iy' usobanukirwa igikorwa cy'I mana, Ukameny' ugusabye ayo mazi yo kunywa,Naw' uba wamusabye, akaguh' ayo mazi. Amazi y'ubugingo ntabw' aba mur' iyi si Abantu batuyemo.

Visit us at indirimbo.com